# Ndate umubyeyi nkunda



Umwe mu mivugo yahize iyindi mu irushanwa
**ANDIKA RWANDA 2017/2018**

Umuvugo wo mu kiciro 3 cya gatatu cyo gusoma

# MUMPE URUBUGA NSOME!



## MUBYEYI, DORE UBURYO WAFASHA UMWANA GUSOMA

- Ha umwanya umwana agusomere inkuru cyangwa umuvugo. Nawe kandi ushobora kumusomera.
- Fasha umwana gutekereza ku byo asoma cyangwa umusomera ugenda umubazaho ibibazo.
- Mu gihe murangije gusoma inkuru cyangwa umuvugo, ha umwana umukoro umufasha kwimenyereza kwandika inkuru.

## UMUKORO

Saba umwana kwandika inkuru ku ifoto imanitse mu ruganiriro, ku muntu runaka wo mu rugo, ku bindi bintu ubona hanze…Umwana ashobora kubyandika cyangwa akabishushanya, hanyuma ukamuha umwanya wo kubigusobanurira.

# IBISOBANURO KU MUBARE WANDITSE KU GIFUNIKO CY'AGATABO

- Ku gifuniko cy'aka gatabo hariho umubare. Uyu mubare, werekana ikiciro agatabo karimo, si umwaka umwana yigamo.

- Hakurikijwe uko inkuru yanditsemo yoroshye gusoma no kumva, cyangwa ikomeye, agatabo gashobora kuba mu kiciro cya 1, 2, 3, 4, 5. Bityo, inkuru yoroha duhereye ku kiciro cya mbere.

- Agatabo kari mu kiciro kimwe gashobora gusomwa cyangwa gusomerwa umwana wiga mu mwaka wa 1, uwiga mu wa 2, n'uwiga mu wa 3, bitewe n'ikigero umwana agezeho mu kumenya gusoma.

Babyeyi, turabashimira ko muha abana nibura iminota 15 yo gusoma ibitabo buri munsi, kandi mukaba muri kumwe na bo igihe basoma.

# Ndate umubyeyi nkunda



Umwe mu mivugo yahize iyindi mu irushanwa
**ANDIKA RWANDA 2017/2018**

TURIKUMWE Rystine, yanditse uyu muvugo afite imyaka 16, yiga mu mwaka wa 4 w'amashuri yisumbuye, mu ishuri ryisumbuye rya Kirinda, Akarere ka Karongi, Intara y'Uburengerazuba. Uyu muvugo we, NDATE UMUBYEYI NKUNDA, ni umwe mu yahize iyindi mu irushanwa rya Andika Rwanda 2017/2018.



Reka nkurate mubyeyi nkunda
Nkurate Simbi ubaruta bose
Kwitwa uwawe mbiha agaciro.



Kuri nge ngewe undutira bose
Wowe ukwiye ibyiza by'u Rwanda.



Natwe abawe turagushima
Uhora utwitaho buri munsi.
Ugahora iteka uduhora hafi.



Uratwitangira igihe cyose
Ukanadutoza imirimo yose.



Mubyeyi wuje urukundo iteka
Urwo udukunda ruruta byose
Wanadutoje kugira neza.



Umfasha byose ngakura neza
Maze ukanampa uburere bwiza.



Ubwiza bwawe burahebuje
Ubwiza ntaka si uburanga
Ubwiza ntaka ni urwo unkunda.



Indyo nziza turayihorana
Ngo dukure neza abana bawe.



Reka nge nkuratire abatakuzi
Uri mudasumbwa w'ibihe byose.



Uruta ibindi birezi byose
Nta cyo nabona nagutura
Ngutuye u Rwanda rwa Gasabo.




Waritanze tugana ishuri
Tugira ubwenge turajijuka.



Waradukunze unaduha byose
Tugira ubwenge tumenya byinshi
Ikoranabuhanga ntiridukanga.



Twe abana bawe turakurata
Komeza udutoze uburere bwiza
Turagushimira ibyo wadutoje.



Reka nguture iyaremye byose
Gahorane amata ku ruhimbi.

# Ndate umubyeyi nkunda

Reka nkurate mubyeyi nkunda
Nkurate Simbi ubaruta bose
Kwitwa uwawe mbiha agaciro.

Kuri nge ngewe undutira bose
Wowe ukwiye ibyiza by'u Rwanda.

Natwe abawe turagushima
Uhora utwitaho buri munsi.
Ugahora iteka uduhora hafi.

Uratwitangira igihe cyose
Ukanadutoza imirimo yose.

Mubyeyi wuje urukundo iteka
Urwo udukunda ruruta byose
Wanadutoje kugira neza.

Umfasha byose ngakura neza
Maze ukanampa uburere bwiza.

Ubwiza bwawe burahebuje
Ubwiza ntaka si uburanga
Ubwiza ntaka ni urw'unkunda.

Indyo nziza turayihorana
Ngo dukure neza abana bawe.

Reka nge nkuratire abatakuzi
Uri mudasumbwa w'ibihe byose.

Uruta ibindi birezi byose
Nta cyo nabona nagutura
Ngutuye u Rwanda rwa Gasabo.

Waritanze tugana ishuri
Tugira ubwenge turajijuka.

Waradukunze unaduha byose
Tugira ubwenge tumenya byinshi
Ikoranabuhanga ntiridukanga.

Twe abana bawe turakurata
Komeza udutoze uburere bwiza
Turagushimira ibyo wadutoje.

Reka nguture iyaremye byose
Gahorane amata ku ruhimbi.

This work is licensed under Creative Commons Attribution-NoDerivatives 4.0 International (CC BY-ND 4.0). To view a copy of this license, visit https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/. This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest. Under this license, you are free to copy, distribute, and transmit this work as long you provide attribution as follows: "This work is an adaptation of materials originally prepared as part of the Rwanda Education Board's Andika Rwanda writing contest; it was developed through collaboration between the Rwanda Education Board (REB) and the United States Agency for International Development (USAID)." More details on permissions under this license can be found at https://creativecommons.org/licenses/by-nd/4.0/." Distribution of adaptations of this work are not permitted under this license without the permission of the copyright holder.

USAID
INKUNGA Y'ABANYAMERIKA